Dr ZILIMWABAGABO CHARLES ARAZIRA IKI?

Kuva taliki 14/3/2009 Dr Zilimwabagabo Charles wahoze ari Préfet wa Gisenyi ubu akaba yari umuganga wa babyeyi mu bitaro bikuru bya kaminuza i Kigali CHUK, afungiye muri gereza nkuru ya Gisenyi nyuma yo guhagarikwa bya gateganyo nu rukiko gacaca rw'umurenge wa Kimironko akarere ka Gasabo .Nyuma yo gutangaza ko nta bubasha rufite rwo kumuburanisha.

Dr Zilimwabagabo Charles yabaye Prefet wa Gisenyi kuva 4/1994 mu gihe cya genocide yongera kujyirwa préfet kuva 10/1994 kugera 1996 aho yavuye ajya kuyobora ikigo ki gihugu gishinzwe kugura imiti(OPHAR) ubu akaba yari umuganga winzobere mu ndwara z'ababyeyi mu bitaro bikuru bya kigali CHUK.

Dr Zilimwabagabo yahamagajwe nu rukiko gacaca rw'umurenge wa Nyundo mu karere ka Rubavu (Gisenyi), kw italiki ya 11/03/2009. aho yaburanishijwe n'inteko yarivuye mu murenge wa Kimironko akarere ka Gasabo umujyi wa kigali. Ku kirego cyatanzwe na Deputé Murashi Sagahutu Isaie na Nyinawagaga Claudine umukuru wa Karere ka Gasabo umujyi bamuregaga urupfu rw 'abantu baguye muri Kiliziya ya Nyundo ku Gisenyi muri 94.

Mu rubanza rwatangiye ,ku taliki 11 rugakomeza kuya 13 ndetse niya 14/03/2009 Dr Zilimwabagabo yabajije urukiko niba rufite ububasha bwo kumuburanisha kuko hari tegeko rya gacaca ryavugaga ko abari abayobozi kuva ku rwego rwa prefet kuzamura baburanishwa ni nkiko zisanzwe ; yashubijwe ko bafite ububasha ngo ko atari we ubigisha amategeko ya gacaca.

Ku taliki ya 14/03/2009 nyuma y'imiburanishirize yaranzwemo kwivuguruza no ku nyuranya imvugo kw abashinjaga uwaregwaga ,kwimwa umwanya wo kwisobanura no gucunaguzwa na bayobozi baraho k 'uwaregwaga ndetse no gutera ubwoba abashinjuraga Dr Zilimwabagabo charles, inteko ya Kimironko yafashe icyemezo kigira kiti : « dusanze ko nta bubasha dufite bwo kuburanisha Dr zilimwabagabo kubera urwego rw'imirimo yakoraga, none dufashe icyemezo cyo kumufunga bya gateganyo i dossier ikazashyikirizwa parquet ikaba ariyo imukurikirana. »

Aha umuntu akaba yakwibaza ububasha bwo kuburanisha butandukanye nubwo gufunga.

Dr zilimwabagabo charles yashyikirijwe bwa mbere urukiko taliki 28/01/2010, ku rubanza rwatangiriye muri stade ya Gisenyi rukaza gukomereza ku kicaro cy'urukiko rwisumbuye rwa Gisenyi,nyuma y'impaka ndende hagati y'abunganiraga uregwa bagaragaza ko binyuranyije n'amategeko ko urubanza rubera muri stade kandi hari ikicaro cy'urukiko,na umushinjacyaha wari watanze amatangazo kuri radio ya Gisenyi ahamagarira abaturage kuza kumva urubanza kuri stade ya Gisenyi.

Aha nanone umuntu ntiyabura kwibaza aho umwe mu baburanyi ariwe uhitamo aho baburanira kandi ibyo ari akazi ku rukiko.

Mu gutangira urubanza abanuganira Dr Zilimwabagabo ,aribo Me Nsengiyumva Viateur na Me Bizimungu Vita , basabye urukiko ko yarekurwa kuko yafunzwe nu urukiko rutabifitiye ububasha kandi narwo ubwarwo rubyiyemerera , bongeraho ko n'umuryango we witabaje inzego zose zirebwa nicyo kibazo ariko bikaba ntacyo byatanze. Umucamanza yavuze ko azavuga icyemezo cye taliki 3/02/2010.

Mu cyemezo cye umucamanzi taliki 3/02 yavuze ko atameye icyifuzo cy'ubwunganizi cyo gufungura umuburanyi wabo. Ubwunganizi bwatangarije urukiko ko bujuririye icyo cyemezo kandi bwongeraho ko busabye ko urubanza rwaba ruhagaritswe kuburanishwa mu mizi yarwo igihe hagitegerejwe icyemezo cy'urukiko rukuru rwa Ruhengeri aho bagombaga kujurira. Icyo kifuzo cyari gishyigikiwe n'ubushinjacyaha.umucamanza yatangaje ko arabifatira umwanzuro akazawumenyekanisha bukeye bwaho taliki 04/03/2010. mu cyemezo cyatunguranye yavuze kumunsi wakurikiyeho, umucamanzi yavuze ko nta mpamvu yo kurindira ubujurire ko urubanza rugomba guhita rukomeza uwo.umucamanza yabihuriyeho n'umushinjacyaha wari wahinduye imvugo itandukanye nuko yemeraga ko urubanza ruba rusubitswe

Ubwunganizi bwagaragarije urukiko , impamvu badashobora kuburana uwo munsi bitewe nuko batari biteguye kuburana kuri uwo munsi ko kandi hari ibindi bintu bishya byari byiyongereye muri dossier batari babonye umwanya wo gusoma. Bagaragaza n'impungenge zukuntu bazakurikirana ubujurire kandi bafite 'urwo rubanza rundi , Dr Zilimwabagabo yagaragarije urukiko , ko we nta nyungu afite mu gutinza urubanza kw asaba ko babareka bakazaburana taliki 8/02/2010 kuko yagarazaga nez ako umwunganizi umwe atari ahari bityo bigatuma abona atunganiwe neza. Umwunganizi w'uregwa yabwiye urukiko ko atiteguye kuburana ko adahari muri urwo rubanza.uwaregwaga yabwiye urukiko ko noneho adashobora kuburana na busa kuko n'umwunganizi we wari uhari avuze ko adahari. Byabaye ibyu busa kuko umucamanza yamutegetse kuburana kandi nta mwunganizi. Dr Zilimwabagabo charles n'umwunganizi we bisohokeye mu cyumba kiburanisha, rubanza rukomeza adahari. Urwo rubanza rwakomeje uwo munsi mu gitondo rusubukurwa taliki 9/02/2010 ari nabwo rwashojwe hamaze kumvwa abatangabuhamya bashinja 2, umwe wavugaga ko yumvise akoresha amanama abuza abantu kwicana ko ntakindi amuzi ho, nundi waregeraga indishyi. Urubanza rukaba rugomba gusomwa kuri 24/02/2010.

Aha naho umuntu ntiyabura kwibaza ukuntu umuntu yahatirwa kuburana nta bwunganizi kandi amategeko abimwerera.

Ku italiki ya 11/2/2010 nibwo urubanza mu bujurire rwabaye mu rukiko rukuru rwa Ruhengeri ,aho abunganizi berekanye ibimenyetso n'amategeko yishwe n'uburenganzira uwo bunganira yabujijwe igihe yafungwaga 'urukiko rutabifitiye urubanza.

Mw'isoma ry'uru rubanza ryagombaga kuba kuri 16/02/2010 rikimurirwa 17/02/2010 saa 10h rikaza gusomwa i saa 16h z'umugoroba, urukiko rwavuze ko ingingo zatanzwe n'ubwunganizi zifite ishingiro ko ariko itegeko riha abacamanza ububasha bashingiye kuko babyumva n amarangamutima yabo ko rero barigendeyeho basanze batarekura Dr Zilimwabagabo.

Umuntu ntiyabura kwibaza kuri iryo yimurwa rya buri kanya ry'isomwa ry'urubanza.

Umuntu ntiyabura kandi kwibaza byinshi kuri uru rubanza ni birwihishe inyuma. Kandi umuntu ntiyabura kwibaza ikurikiranwa rya nyuma y 'imyaka 15 ku muntu wankomeje kuyobora Gisenyi nyuma ya genocide kuva 1994 kugera 1996 aho yavuye akomeza mu kazi ka leta

Mu kurangiza twakwibutsa ko :

Dr Zilimwabagabo charles yagaragaye mu rukiko mpuzamahanga rwa Arusha mu rubanza rwa **Zigiranyizo Protais** (muramu wa Perezida Habyarimana Juvénal) aho yatangaga ubuhamya mu ruhame ashinjura uyu Zigiranyirazo ku byaha yaregwaga byo kuremesha amanama y'ubwicanyi ku gisenyi ibintu bidasanzwe aho umuntu uvuye mu rwanda aza gushinjura umuntu nka Zigiranyirazo. Uyu Zigiranyirazo yagizwe umwere n'urwo rukiko kubyaha yaregwaga.

Dr Zilimwabagabo yongeye kugaragara Arusha mu rubanza rwa Bikindi Simon aho yatangarije urukiko ko atigeze yumva cyangwa abona Bikindi simon akoresha inama z'ubwicanyi.ibi nabyo byongeye gutangaza abantu bibaza n'inkurikizi zabyo.

Mukanyangezi Julie, Kigali, Rwanda.